# ISCID asbl

Institut Seth Sendashonga pour la Citoyenneté Démocratique

## Bayobozi b'imiryango igize Urwego Nyunguranabitekerezo (RBB),

## Impamvu: Gusezera muri RBB

Mbanje kubaramutsa, nimugire impagarike n'ubugingo.

Nk'uko mubizi **Institut Seth Sendashonga pour la Citoyenneté Démocratique** (ISCID asbl) ni umwe mu miryango yashinze RBB muri gicurasi 2020. Icyari kigamijwe kwari uguhuza ingufu no kubaka ubumwe bw'abanyarwanda bashishikajwe no guharanira impinduka mu gihugu cyacu.
Iyo mpinduka irakenewe cyane kugirango abanyarwanda babone ubutegetsi bubahumuriza bose, ubutegetsi bushingiye ku mahame ya demokarasi kandi burengera ikiremwamuntu. Iyo mpinduka niyo yafasha impunzi z'abanyarwanda zimaze gukwira isi yose gufata umwanzuro wo gutaha mu gihugu twarazwe n'abasokuruza bacu, abafite impamvu zituma baguma mu bihugu bahungiyemo nabo bagafata uwo mwanzuro ku bushake bwabo.
Urwego Nyunguranabitekerezo rwatangaga ikizere cyo kuba umusemburo w'ubumwe bw'abanyarwanda kuko abarutangije barimo ibyiciro byose by'abagize umuryango nyarwanda ushingiye ku mateka igihugu cyaciyemo no mu bindi by'ingenzi byakunze kuranga politiki y'igihugu n'imibanire y'abaturage bacyo.

Nyuma y'amezi makeya Urwego Nyunguranabitekerezo (RBB) rushinzwe byaje kugaragara ko imikorere yarwo idashyize imbere ibiganiro byubaka, ubwumvikane n'ubworoherane hagati y'abarugize.

Institut Seth Sendashonga, mu nama rusange yayo yateranye tariki ya 3 Ukwakira 2021, imaze kubona ko iyo mikorere ibangamiye ishyirwa mu bikorwa ry'imigambi yatumye RBB ishingwa, ishingiye no ku ntego yayo y'ibanze yo gushyigikira ubumwe n'ubwiyunge bw'abanyarwanda, yafashe icyemezo cyo gusezera mu Rwego Nyungurabitekerezo ruhuje amashyaka n'amashyirahamwe ya

sosiyete sivile akorera mu buhungiro.

Institut Seth Sendashonga ntifunze amarembo y'ubufatanye hagati yayo n'indi miryango cyangwa abantu ku giti cyabo igihe cyose bazaba bareba mu cyerekezo kimwe, bashishikajwe n'ubumwe n'ubwiyunge bw'abanyarwanda kandi bemera gukorana mu bwubahane n'ubworoherane.

Mugire amahoro.

Bikorewe i Buruseli, tariki ya 05/10/2021

Jean-Claude Kabagema

Perezida wa ISCID asbl

ISCID asbl
Avenue de l'Exposition 460/17
1090 Jette, Belgique
www.iscide.org